

Amahugurwa y'indimi, gusabana no gutera inkunga akazi

– kubona inshuti / umuryango
w'umukorerabushake



DRC DANSK
FLYGTNINGE
HJÆLP

Byanditswe na:
Umusaraba ufukura:
Blegdamsvej 27
2100 København Ø

Inama ishinzwe impunzi muri Kanama k'igihugu ca Danimarike gashinzwe impunzi
Borgergade 10
1300 København K

Ifoto yambere: Peter Sørensen

Igishushanyo n'imiterere:
Helle Bjerre Østergaard

Inyandiko: 2000

Gucapa: KLS



SILVER

PurePrint® by KLS
Produced in partnership
with KLS, a member of KLS

Ukubozwa 2020

www.vennerviservej.dk

"Inshuti zerekana inzira" ni

umuryango watewe inkunga

na Minisiteri ishinzwe abinjira

n'abasohoka

Umukorerabushake ni nde/inshuti y'umuryango ni nde?

Inshuti y'umukorerabushake cyangwa umuryango w'inshuti z'abakorerabushake ushinzwe abimukira n'impunzi. Uwo muryango ushinzwe abantu bashya ndetse n'abatuye muri Danimarike igihe kinini.

Iyo ufite inshuti y'umukorerabushake cyangwa umuryango w'inshuti z'abakorerabushake, uba uri kumwe nawe mu gihe ufite umwanya, ndetse iyo mubyifuza. Abakorerabushake ntibakorera komine cyangwa izindi nzego z'igihugu kandi ntibahabwa umushahara. Abakorerabushake ni abantu basanzwe rwose bashakira kugutera inkunga cyangwa gutera inkunga umuryango wawe. Bashobora kandi kubona bishimishije kumenya byinshi ku mico yawe cyangwa bashakira guhura nabantu bashya.

Abakorerabushake bari mu miryango ya Umusaraba utukura (Croix-Rouge) cyangwa kanama kajejwe impunzi mu gihugu ca Danimarike DRC. Iyo miryango yombi ifite uburambe bw'imyaka myinshi mugushyigikira abantu b'abimukira n'impunzi.

"Hari icyo twiga ku mico ya buri wese. Urugero, twizihije Noheri yo muri Danemark. Byari byiza rwose."

Esraa Rahal ukomoka muri Siriya avugaga kubyerekeye umuryango wubucuti bwa Danimarike

Inshuti y'umukorerabushake muraheza mukemeremera inshuro naho muzobonanira. Mugomba kandi kumvikana ku byo ushaka gukorera hamwe. Mushobora guhura nk'igihe cyo kwidagadurira, kunywa ikawa cyangwa mugasangira ibiribwa. Umukorerabushake ashobora kandi kugutera inkunga mu migambi wifuzaga kugeraho. Ibi birashobora kuba nko kumenya kuvuga ururimi rwo muri Danimarike, kubona amasomo cyangwa kubona akazi.

Umukorerabushake agendera ku karangamutima ko kugumya ibanga ry'ibikorwa akora. Mushobora rero kuvuga ku byerekeye ubuzima bwawe utamwinuba.

Niba wakiriye inkunga y'amafaranga muri komine, uzakomeza kubona amafaranga angana n'urwo rugero buri gihe nubwo woba ufite inshuti cyangwa warabonye umuryango w'abakorerabushake ukwa

Ni iki abakorerabushake bashobora kugufasha?

Mu gihe uri impunzi, ushobora kugira ibibazo byinshi bitandukanye. Niba uri mushya rwose muri Danimarike, urashobora gukenera inkunga kugira ngo ubuzima bwawe bwa buri muni bworohere. Urugero, abakorerabushake barashobora kugufasha gusoma amabaruwa ya komine, gukoresha ikarata NemID cyangwa bakakubwira nk'umubyeyi uburyo bwiza bwo gufatany n'ishure ry'umwana wawe cyangwa ry'incuke.

Niba umaze imyaka mike muri Danimarike, icyo ushobora gukenera cyane ni akazi cyangwa kwimenyereza umwuga. Abakorerabushake barashobora kuba inkunga nziza mu gihe ukeneye kwandika CV cyangwa mu gihe witegurira ikibazo c'akazi. Ushobora no kuba umunyamahirwe bihagije, umukorerabushake akagufasha amakuru yaho bakeneye abakozi mu gisagara utuyemwo.

Urashobora kandi kuvugana n'umukorerabushake ku byerekeye uburezi. Hano, abakorerabushake bazagira baba.

bafise uburambe, amakuru n'inshuti byakubera umumaro

Imiryango n'imigenzo

Umukorerabushake arashobora kandi kukwereka abatwaga baho utuye nk'itsinda ry'umupira w'amaguru, ishyirahamwe ry'umuziki cyangwa irindi shyirahamwe ryaho.

Arashobora kukumenyekanisha muri ibyerekeye ubuzima bwao muri Danimarike, akakubwira amahame, imigenzo n'amategeko ahambaye. Urashobora gutumirwa mu birori gakondo bya Danimarik bijyanye na Noheri cyangwa isabukuru. Ahari, kumenyesha umukorerabushake ibyerekeye n'imigenzo yawe.

“Biragoye gutahura amabaruwa ya komine. Igihe twahamagaye Signe, yahoraga afite umwanya wo kudufasha.”

Ibyo bivugwa na Ahmed Rahal ukomoka muri Siriya ku byerekeye umuryango w'amwakiriye muri Danimarak



Banza umenye kuvuga ururimi rwao muri Danimarik, hanyuma ubone akazi, uronke inzu,na none uzokore ubukwe

Mir Houssian Karimi amaze kubona uruhushya rwo gutwara. Iyo mpunzi y'imyaka 23, ikomoka muri Afuganisitan; nayo yaguze imodoka ye bwite. Amafaranga ava mu kazi ke muri Netto, aho atonda saa kumi n'ebiri n'igice za mu gitondo. Iyo Mir atatonze ku murimo we, aja mw'ishuri. Hariho byinshi byo kwiga, kubera ko Mir atagiye mw'ishuri muri Afuganisitani. Inshuti ze; Hans Jørn na Bente Fogh Olsen ni zimufasha umukoro. Hano ziza zimufasha kuvuga ururimi rwo muri Danimarik,bahura buri cyumweru imyaka myinshi.

Ati: "Byari kuba bigoye kumenya ururimi rwo muri Danimarik iyo ntaza hano." Mir ubu avugaga neza urwo rurimi ku buryo yatangiye kurota yiga amasomo, ndetse akaba n'umukanishi:

Mir agira ati: "Ndashaka kwiga amsomo, kubona akazi, kuronka inzu yanjye bwite hanyuma ngashaka. Uko ni ko ndabyifuza."

Uburyo bwo gutangira

Birashobora kuba ibidasanzwe kuko bwa mbere mubonanye nta bwo muba mwari muzinanye . Ni byiza ko utangira uvuga impamvu ushaka inshuti y'umukorerabushake iguhagararira, ni cyo uyitezeko. Umukorerabushake agomba kandi kukubwira impamvu ashaka kuba inshuti y'umukorerabushake iguhagarariye.

Vugana kandi inshuro ushaka guhura nawe. Kora gahunda uherye na none. Abantu benshi bahura hagati y'inshuro ebyiri n'enyere mu kwezi.

Ariko igihe cyo guhura kiratandukanye. Ariko,guhura buri gihe byoroshya ibintu.

Igitekerezo cyo kuronka inshuti y'umukorerabusahe nuko mugiriranira umubano uringaniye. Mufate nk'inshuti mujya inama y'icyo gukorera hamwe. Wiyugurure mu bitekerezo byawe, wugurukire n'ibitekerezo bya mugenzi wawe.

“ Nize byinshi cyane ku bijyanye n'icyo bivuze kuva mu gihugu cy'Abarabu, kubaho nk'umuyisilamu ndetse n'umuco wabo wose. Byampaye icyerekezo gishya ku muco wa njye.”

Signe Irminger avuga ku byerekeye umuryango w'inshuti wa Rahal, ukomoka muri Siriya

Uburyo bwo gukora amasezerano meza

- **Sigura impamvu ushaka inshuti / umuryango**

Vuga ku byo wiiteze ku nama. Iyo ni intangiriro nziza.

- **Ushaka ko muzohurira he?**

Hashobora kuba mu rugo rwawe cyangwa mu rugo rw'umukorerabushake. Mushobora kandi guhurira mw'isomero ry'ibitabo, ikibuga gikiniwaho cyangwa ikigo cy'abakorerabushake. Murashobora kandi kujya gutembera. Mwembi mugomba gufasha guhitamo icyo gukorera hamwe. Ibi bizashimisha mwembi guhura.

- **Ni gute ushobora gukomeza gushyikirana?**

Umvikane uburyo bwo kuvuganiraho. Ese, ni byiza guhamagara buri gihe? Ni byiza guhamagara nimugoroba, muri wikendi, mu masaha y'akazi?

Ni byiza kohereza ubutumwa, cyangwa biragoye kwandika muki Danimarike? Ni ngombwa ko mwembi mufata iyambere mugahura. Niba umwe gusa muri mwe ariwe afata iyambere, birashobora kugaragara nk'ubucuti butaringaniye.

- **Urabujijwe guterana?**

Wibuke kumenyesha umukorerabushake niba mudashobora guhura uko byagenda kose.

- **Niba hari ikintu udasobanukiwe neza**

Niba hari ikintu kigutera urujijo cyangwa utumva - gira amatsiko ubaze umukorerabushake.

Niki mushobora gukorera hamwe?

Gusangirira hamwe birashobora kuba igitekerezo cyiza, cyane cyane niba hari abana mumuryango wawe. Birashobora kandi kuba igitekerezo cyiza cyo gukina imikino. Hitamo ikintu buri wese ashobora kwiyumvamwo, utitaye ku myaka afite cyangwa uko urugero rwe rwo kuvuga ikidanimarike.

Ni byiza kandi kureba televiziyo ya Danemark cyangwa gusoma ikinyamakuru hamwe. Hano urashobora kuvuga kubibera muri Danemarke no kw'isi. Ahari wowe cyangwa umuryango wawe murashobora no kutubwira ibyerekeye igihugu cyanyu. Abakorerabushake bifuza kumva imigenzo yawe n'imisi mikuri mwizihiza.

Ibitekerezo byiza ku bikorwa

kwidagadura no kuruhukira hamwe

- Genda gutembera mu karere, mu ngoro ndangamurage cyangwa mw'ishyamba.
- Gura, teka musangirire hamwe.
- Kina umukino cyangwa murebe film.

Inkunga ifatika

- Kora umukoro hamwe.
- Witoze ikidanemark (reba inama ku rupapuro rwa 10).
- Soma amabaruwa y'ubuyobozi bwa leta, ishyura fagitire, kora bije cyangwa ujye gsaba akazi.

Ibikorwa byabaturage

- Injira mu tsinda cyangwa ishyirahamwe ry'imikino.
- Jya mu birori byaho utuye, nk'ibitaramo cyangwa ibigani



Kwiga ururimi urabira ibyuya

Nyuma yo gutwita kwe bwa mbere, Senet Tekleab yashakaga kumera neza. Inshuti ye y'ubushake Susanne Orthmann rero yamujyanye mu kigo ngororamubiri. Hano bagiye hamwe gatatu mu cyumweru amezi ane. Senet aracyakoresha imyitozo yize muri kiriya kigo. Uyu muni ariko, arahuze cyane kubwira mbere hose kubwo umuryango we hamwe n'igihe kizaza ce.

Kugeza ubu, bombi bateka hamwe iyo bahuye. "Umuhungu wanjye agomba gufata udusanduku dutatu atwara ku kigo c'ababa bato buri muni. Nta bwo namenyereye kubitegura, ariko Susanne arabinyigisha. " Bivugwa na Senet ukomoka muri Eritereya.

Bombi batekera hamwe bakaganira uko bizagenda mu gihe ikiruhuko cyo kubwira cya Senet kiri hafi kurangira.

Yongera ati: "Ndashaka akazi, kandi Susanne yansezeranije kumfasha kwandika CV."

Ururimi rwa Danemark

Birashobora kugorana guhura niba mutavuga ururimi rumwe. Umukorerabushake aba azi akamaro ko gushobora kuvuga Ikidanimariki kandi azashaka kugufasha kwitoza ururimi.

Urashobora kuba wiga ishuri ry'indimi. Umukorerabushake arashobora kugufasha mu mikoro yawe. Niba umaze imyaka itari mike muri Danimariki, birashoboka ko usanzwe uvuga Ikidanimariki, ariko birashoboka ko wifuza kuzamura ubumenyi bwawe.

Kugira ngo wige ururimi, ugomba kwitoza kenshi gashoboka. Ugomba kwifashisha uburyo bukwoheye. Ibiganiro byose ni imyitozo. Niba ukunda kujya gutembera, urashobora kwitoza ikidanimark mu nzira uriko uragenda. Akenshi biroroshye kubona ikintu cyo kuganiraho mu gihe muticaye ahantu murebana. Mushobora kuvuga kubyo mubona. Urugero, jya muri pariki uvuge kubidukikije.

Niba mwembi mukunda ibiryo, urashobora, kuvuga imboga zitandukanye, cyangwa guteka mugihe uvuga ibyo ukora. Urashobora kandi kujya mu bitabo hamwe ugasanga ibitabo byoroshye muri Danemark. Inshuti yawe irashobora kugufasha kubona ikarita y'isomero niba utayifite.

Inama zo guhugura ururimi

- Umva radio urebe film zo muri Danemariki zifite imitwe y'ururimi rwa Danemark
- Kuramo porogaramu yubantu Duolingo cyangwa Google Translate kuri terefone yawe igendanwa
- Kina imikino hamwe
- Soma hamwe ikinyamakuru, ibitabo n'amabarurwa ya komine hamwe
- Umva umuziki wo muri Danemariki kandi uririmbe hamwe

“Ubanza ntitwashoboraga kuvugana na gato. Noneho Mir avugaga neza Ikidanimariki. Iyo Mir adusuye ubu, akenshi aradufasha. Urugero, ni we waringanijye uruzitiro ubushyize.”

Hans Jørn Fogh Olsen avugaga ku byerekeye umuryango w'inshuti ya Mir Houssian Karimi ukomoka muri Afuganisitani

Mugomba kubonana umwanya ungana gute?

Nta tegeko ryerekana igihe wowe n'umukorerabushake mugomba gukomeza guhura. Kuri bamwe, biherana no kubona akazi, kurangiza amashuri yabo cyangwa bamenye kuvuga ikidanimarike. Ku bandi, bihinduka ubucuti badashaka kurangiza.

Rimwe na rimwe, mubonana inshuro nke gusa kuko mudafitaniye umubano mwiza. Buri gihe ni byiza guhagarika kubonana. Ibyo ni mwe mwifatira umwanzuro.

Niba ushaka guhagarika kubonana n'umukorerabushake, ugomba kumenyesha umuntu wagufashe kubona inshuti y'abakorerabushake. Muri ubwo buryo kandi ufite amahirwe yo kubona inshuti nshya y'ubwitange niba ubishaka..

“Mu ntangiriro, ni twe twafashaga Legese. Ubu ibintu byarahindutse cyane. Aradufasha cyane. Urugero, yadufashije kwimuka no gushyira amatara mu nzu.”

Bivugwa na Annie Ipsen, yigana ukuntu y'abaye umuryango w'abakorerabushake kuri Legese Ghide, ukomoka muri eritrea



FOTO: JOHNNY WICHPMANN



Umusaraba utukura (Croix-Rouge) hamwe n’inama y’impunzi ya Danimarike ni imiryango ibiri minini yo muri Danimarike mu bikorwa byo kwishyira hamwe ku bushake. Dufise umushinga mu gihugu hose “Inshuti Yerekana Inzira”, aho abakorerabushake bafasha abantu bafite impunzi kugira ngo batere imbere kandi babe umumaro mu gihugu ca Danemark, ndetse bongere babone umurimo.

vennerviservej.dk